ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº 016/03 RYO KU WA 03/06/2025 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI B'AMASHURI MAKURU YA LETA	PRIME MINISTER'S ORDER Nº 016/03 OF 03/06/2025 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTE GOVERNING EMPLOYEES OF PUBLIC INSTITUTIONS OF HIGHER LEARNING	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE Nº Nº 016/03 DU 03/06/2025 PORTANT STATUT PARTICULIER RÉGISSANT LES EMPLOYÉS DES ÉTABLISSEMENTS PUBLICS D'ENSEIGNEMENT SUPÉRIEUR
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier : Objet du présent arrêté**
Ingingo ya 2: Isobanura	**Article 2: Interpretation**	**Article 2 : Interprétation**
Ingingo ya 3: Abo iri teka rireba	**Article 3: Scope of application**	**Article 3 : Champ d'application**
UMUTWE WA II: ITERAMBERE MU MWUGA N'IMICUNGIRE Y'ABARIMU, ABARIMU B'UBUMENYI NGIRO, ABASHAKASHATSI N'ABABUNGANIRA	**CHAPTER II: CAREER DEVELOPMENT AND MANAGEMENT OF ACADEMIC, PRACTICAL TEACHING, RESEARCH AND SUPPORT STAFF**	**CHAPITRE II : DÉVELOPPEMENT DE CARRIÈRE ET GESTION DU PERSONNEL ACADÉMIQUE, DU PERSONNEL ACADÉMIQUE DES COURS PRATIQUES, DU PERSONNEL DE RECHERCHE ET DU PERSONNEL DE SOUTIEN**
Ingingo ya 4: Inzego z'abarimu b'inyigisho z'ubumenyi rusange	**Article 4: Ranks of academic staff for general education**	**Article 4 : Grades du personnel académique d'enseignement général**

Ingingo ya 5: Inzego z'abarimu b'ubumenyi ngiro	**Article 5: Ranks of academic staff for practical teaching**	**Article 5 : Grades du personnel académique des cours pratiques**
Ingingo ya 6: Inzego z'abashakashatsi	**Article 6: Ranks of research staff**	**Article 6 : Grades du personnel de recherche**
Ingingo ya 7: Abakozi bunganira mu myigishirize n'ubushakashatsi	**Article 7: Academic and research support staff**	**Article 7 : Personnel de soutien académique et de recherche**
Ingingo ya 8: Inzego z'Abatekinisiye ba *Laboratoire*	**Article 8: Ranks of laboratory technicians**	**Article 8 : Grades des techniciens de laboratoire**
Ingingo ya 9: Inzego z'abashinzwe isomero	**Article 9: Ranks of librarians**	**Article 9 : Grades des bibliothécaires**
Ingingo ya 10: Abashinzwe ahigishirizwa amasomo ngiro	**Article 10: Workshop Technicians**	**Article 10 : Techniciens d'ateliers**
Ingingo ya 11: Ibisabwa kuri buri rwego	**Article 11: Requirements for each rank**	**Article 11 : Exigences pour chaque grade**
Ingingo ya 12: Kuzamura mu ntera abarimu, abarimu b'ubumenyi ngiro, abashakashatsi n'ababunganira	**Article 12: Promotion of academic, practical teaching, research and support staff**	**Article 12 : Promotion du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques, du personnel de recherche et du personnel de soutien**
Ingingo ya 13: Porogaramu y'igurana ry'abarimu, abarimu b'ubumenyi ngiro n'abashakashatsi	**Article 13: Exchange programme for academic, practical teaching and research staff members**	**Article 13 : Programme d'échange des membres du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques et du personnel de recherche**
Ingingo ya 14: *Sabbatical leave*	**Article 14: Sabbatical leave**	**Article 14 : Congé sabbatique**

Ingingo ya 15: Guhagarika akazi kubera izindi nshingano	**Article 15: Absence due to other responsibilities**	**Article 15 : Absence en raison d'autres responsabilités**
Ingingo ya 16: Gushyirwa mu rwego rw'icyubahiro rwa *Emeritus Professor* cyangwa *Honorary Professor*	**Article 16: Promotion to the rank of Emeritus or Honorary Professor**	**Article 16 : Promotion au grade de Professeur Émérite ou de Professeur Honoraire**
UMUTWE WA III: IBYICIRO, INYITO, INTERA BY'IMYANYA Y'IMIRIMO N'IZAMURWA MU NTERA RY'ABAKOZI BO MU BUYOBOZI	**CHAPTER III: CATEGORIES, TITLES, LEVELS OF JOB POSITIONS AND PROMOTION OF ADMINISTRATIVE STAFF**	**CHAPITRE III : CATÉGORIES, TITRES, NIVEAU DE POSTES D'EMPLOI ET PROMOTION DU PERSONNEL ADMINISTRATIF**
Ingingo ya 17: Ibyiciro by'imyanya y'imirimo y'abakozi bo mu buyobozi	**Article 17: Categories of job positions of administrative staff**	**Article 17 : Catégories de postes d'emploi du personnel administratif**
Ingingo ya 18: Inyito y'imyanya y'imirimo ya buri cyiciro	**Article 18: Titles of job positions of each category**	**Article 18 : Titre des postes d'emploi de chaque catégorie**
Ingingo ya 19: Intera, inshingano n'ibisabwa kuri buri mwanya w'umurimo	**Article 19: Levels, duties and requirements for each job position**	**Article 19 : Niveaux, attributions et exigences pour chaque poste d'emploi**
Ingingo ya 20: Indi myanya y'imirimo n'ibyiciro ibarizwamo	**Article 20: Other job positions and their corresponding categories**	**Article 20 : Autres postes d'emploi et leurs catégories correspondantes**
Ingingo ya 21: Izamurwa mu ntera ry'abakozi bo mu buyobozi	**Article 21: Promotion of administrative staff**	**Article 21 : Promotion du personnel administratif**
Ingingo ya 22: Ibigenerwa umukozi wo mu buyobozi wazamuwe mu ntera	**Article 22: Benefits allocated to a promoted administrative staff member**	**Article 22 : Avantages alloués au membre du personnel administratif promu**

UMUTWE WA IV: INGINGO ZIHURIWEHO KU BAKOZI B'AMASHURI MAKURU	**CHAPTER IV: COMMON PROVISIONS FOR EMPLOYEES OF INSTITUTIONS OF HIGHER LEARNING**	**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS COMMUNES AUX EMPLOYÉS DES ÉTABLISSEMENTS D'ENSEIGNEMENT SUPÉRIEUR**
Ingingo ya 23: Ibishingirwaho mu gushaka abakozi	**Article 23: Criteria for recruitment**	**Article 23 : Critères de recrutement**
Ingingo ya 24: Uburyo bwo gushaka abakozi	**Article 24: Methods for recruitment**	**Article 24 : Méthodes de recrutement**
Ingingo ya 25: Kongerera Abakozi ubushobozi n'ubumenyi	**Article 25: Capacity and skills development**	**Article 25 : Développement des capacités et des compétences**
Ingingo ya 26: Guhindurira umukozi umwanya w'umurimo, kwimurwa aho yakoreraga no guhindura icyiciro	**Article 26: Change of job position, workplace and category of staff**	**Article 26 : Changement de poste d'emploi, de lieu de travail et de catégorie de personnel**
Ingingo ya 27: Uburyo bw'imicungire y'iterambere ry'umwuga n'ubw'imicungire y'imihigo	**Article 27: Modalities for career development and performance management**	**Article 27 : Modalités de gestion de carrière et de performance**
Ingingo ya 28: Ubutumwa bw'akazi	**Article 28: Official mission**	**Article 28 : Mission officielle**
UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 29: Ikiruhuko cy'izabukuru	**Article 29: Retirement**	**Article 29 : Retraite**
Ingingo ya 30: Ibidateganyijwe n'iri teka	**Article 30: Matters not provided for by this Order**	**Article 30 : Matières non prévues par le présent arrêté**

<u>Ingingo ya 31</u>: Igihe cyo kubahiriza iri teka	**<u>Article 31</u>: Compliance period**	**<u>Article 31</u> : Période de conformité**
<u>Ingingo ya 32</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	**<u>Article 32</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order**	**<u>Article 32</u> : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**
<u>Ingingo ya 33</u>: Ingingo y'ururimi	**<u>Article 33</u>: Language provision**	**<u>Article 33</u> : Disposition linguistique**
<u>Ingingo ya 34</u>: Gutangira gukurikizwa	**<u>Article 34</u>: Entry into force**	**<u>Article 34</u> : Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº 016/03 RYO KU WA 03/06/2025 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI B'AMASHURI MAKURU YA LETA	PRIME MINISTER'S ORDER Nº 016/03 OF 03/06/2025 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTE GOVERNING EMPLOYEES OF PUBLIC INSTITUTIONS OF HIGHER LEARNING	ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE Nº 016/03 DU 03/06/2025 PORTANT STATUT PARTICULIER RÉGISSANT LES EMPLOYÉS DES ÉTABLISSEMENTS PUBLICS D'ENSEIGNEMENT SUPÉRIEUR
Minisitiri w'Intebe;	**The Prime Minister;**	**Le Premier Ministre ;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;	Vu la Constitution de la République du Rwanda ;
Ashingiye ku Itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;	Pursuant to Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants as amended, especially in Article 3;	Vu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l'État tel que modifiée, spécialement en son article 3 ;
Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;	On proposal by the Minister of Public Service and Labour;	Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/06/2024 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and adoption by the Cabinet, in its meeting of 14/06/2024;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/06/2024;
ATEGETSE:	**ORDERS:**	**ARRÊTE :**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier : Objet du présent arrêté**
Iri teka rishyiraho sitati yihariye igenga abakozi b'amashuri mukuru ya Leta. Rigenga kandi isano ishingiye ku murimo hagati y'umukozi w'ishuri rikuru rya Leta n'iryo shuri rikuru rya Leta nk'umukoresha.	This Order establishes the special statute governing employees of public institutions of higher learning. It also governs working relations between an employee of a public institution of higher learning and the public institution of higher learning as the employer.	Le présent arrêté établit le statut particulier régissant les employés des établissements publics d'enseignement supérieur. Il régit également les relations professionnelles entre un employé d'un établissement public d'enseignement supérieur et cet établissement public d'enseignement supérieur en tant qu'employeur.
Ingingo ya 2: Isobanura	**Article 2: Interpretation**	**Article 2 : Interprétation**
Muri iri teka:	In this Order:	Dans le présent arrêté :
(a) **« ishuri rikuru »** bivuga Kaminuza y'u Rwanda, Politekiniki y'u Rwanda n'irindi shuri rikuru rya Leta ritari ishuri rikuru mbonezamwuga;	(a) **"institution of higher learning"** means the University of Rwanda, Rwanda Polytechnic and other public institution of higher learning except a professional institute;	(a) **« établissement d'enseignement supérieur »** signifie l'Université du Rwanda, la Polytechnique du Rwanda et un autre établissement public d'enseignement supérieur à l'exception d'un institut professionnel ;
(b) **« umukozi wo mu buyobozi »** bivuga umukozi w'ishuri rikuru utari umwarimu w'ishuri rikuru, uwigisha ubumenyi ngiro, umushakashatsi cyangwa umukozi wunganira mu myigishirize n'ubushakashatsi;	(b) **"administrative staff member"** means an employee of an institution of higher learning who is not an academic staff member, a practical teaching staff member, a research staff member, or academic and research support staff member;	(b) « **membre du personnel administratif** » signifie un membre du personnel d'un établissement d'enseignement supérieur qui n'est pas un membre du personnel académique, un membre du personnel académique des cours pratiques, un membre du personnel de recherche, ou un membre

		du personnel de soutien académique et de recherche ;
(c) **« umukozi wunganira »** bivuga umukozi wunganira abarimu, abarimu b'ubumenyi ngiro n'abashakashatsi ariko utari mu cyiciro cy'abakozi bo mu buyobozi;	(c) **"support staff member"** means an employee who supports academic, practical teaching and research staff, who is not an administrative staff;	(c) **« membre du personnel de soutien »** signifie un employé qui soutient le personnel académique, le personnel académique des cours pratiques et le personnel de recherche mais qui n'est pas membre du personnel administratif ;
(d) **« umushakashatsi »** bivuga umukozi w'ishuri rikuru ufite mu nshingano gukora ubushakashatsi bugamije kongera ubumenyi no gushakira ibisubizo ibibazo binyuranye mu bikorwa ishuri rikuru rikorera abaturage;	(d) **"research staff member"** means an employee of an institution of higher learning whose job is to conduct academic and scientific research and community outreach;	(d) « **membre du personnel de recherche** » signifie un employé d'un établissement d'enseignement supérieur dont le travail consiste à mener des recherches académiques scientifiques et trouver de solutions aux problèmes de la communauté ;
(e) **« umwarimu »** bivuga umukozi w'ishuri rikuru wigisha, uwigisha ubumenyi ngiro, ukora ubushakashatsi, uyobora abanyeshuri mu gihe cy'imikoro ngiro akanafasha mu bikorwa ishuri rikuru rikorera abaturage.	(e) **"academic staff member"** means an employee of institution of higher learning whose job is to teach, to give practical teaching, conduct research, guide students during practical activities and carry out community outreach.	(e) **« membre du personnel académique »** signifie un employé d'un établissement d'enseignement supérieur dont le travail est d'enseigner, dispenser des cours pratiques, mener des recherches, guider les étudiants lors des activités pratiques et rendre service à la communauté.

Ingingo ya 3: Abo iri teka rireba	**Article 3: Scope of application**	**Article 3 : Champ d'application**
Iri teka rireba abakozi bakora ku buryo buhoraho n'abagengwa n'amasezerano y'umurimo b'amashuri makuru.	This Order applies to permanent and contractual staff of institutions of higher learning.	Le présent arrêté s'applique au personnel permanent et au personnel contractuel des établissements d'enseignement supérieur.
UMUTWE WA II: ITERAMBERE MU MWUGA N'IMICUNGIRE Y'ABARIMU, ABARIMU B'UBUMENYI NGIRO, ABASHAKASHATSI N'ABABUNGANIRA	**CHAPTER II: CAREER DEVELOPMENT AND MANAGEMENT OF ACADEMIC, PRACTICAL TEACHING, RESEARCH AND SUPPORT STAFF**	**CHAPITRE II : DÉVELOPPEMENT DE CARRIÈRE ET GESTION DU PERSONNEL ACADÉMIQUE, DU PERSONNEL ACADÉMIQUE DES COURS PRATIQUES, DU PERSONNEL DE RECHERCHE ET DU PERSONNEL DE SOUTIEN**
Ingingo ya 4: Inzego z'abarimu b'inyigisho z'ubumenyi rusange	**Article 4: Ranks of academic staff for general education**	**Article 4 : Grades du personnel académique d'enseignement général**
Inzego z'abarimu b'ishuri rikuru b'inyigisho z'ubumenyi rusange ni izi zikurikira: (a) Ufasha Umwarimu; (b) Uwungirije Umwarimu; (c) Umwarimu; (d) Umwarimu Wisumbuye; (e) Umwarimu w'Ikirenga Wungirije;	The ranks of academic staff for general education in an institution of higher learning are the following: (a) Tutorial Assistant; (b) Assistant Lecturer; (c) Lecturer; (d) Senior Lecturer; (e) Associate Professor;	Les grades du personnel académique d'enseignement général dans un établissement d'enseignement supérieur sont les suivants : (a) Assistant ; (b) Assistant du Chargé de Cours Associé ; (c) Chargé de Cours Associé ; (d) Chargé de Cours ; (e) Professeur Associé ;

(f) Umwarimu w'Ikirenga.	(f) Professor.	(f) Professeur.
<u>Ingingo ya 5</u>: Inzego z'abarimu b'ubumenyi ngiro	**<u>Article 5</u>: Ranks of academic staff for practical teaching**	**<u>Article 5</u> : Grades du personnel académique des cours pratiques**
Inzego z'abarimu b'ubumenyi ngiro mu ishuri rikuru ni izi zikurikira:	Ranks of academic staff for practical teaching in an institution of higher learning are the following:	Les grades du personnel académique des cours pratiques dans un établissement d'enseignement supérieur sont les suivants:
(a) Umwarimu w'Ubumenyi ngiro w'Umutangizi;	(a) Assistant Instructor;	(a) Assistant Instructeur ;
(b) Umwarimu w'Ubumenyi ngiro Wungirije;	(b) Instructor;	(b) Instructeur ;
(c) Umwarimu w'Ubumenyi ngiro Wisumbuye;	(c) Senior Instructor;	(c) Instructeur Supérieur ;
(d) Umwarimu w'Ubumenyi ngiro Mukuru;	(d) Chief Instructor;	(d) Instructeur en Chef ;
(e) Umwarimu w'Ikirenga Wungirije w'Ubumenyi ngiro;	(e) Associate Professor of Practice;	(e) Professeur Associé de Pratique ;
(f) Umwarimu w'Ikirenga w'Ubumenyi ngiro.	(f) Professor of Practice.	(f) Professeur de Pratique.
<u>Ingingo ya 6</u>: Inzego z'abashakashatsi	**<u>Article 6</u>: Ranks of research staff**	**<u>Article 6</u> : Grades du personnel de recherche**
Inzego z'Abashakashatsi b'ishuri rikuru ni	Ranks of research staff of an institution of	Les grades du personnel de recherche d'un

izi zikurikira:	higher learning are the following:	établissement d'enseignement supérieur sont les suivants :
(a) Ufasha Umushakashatsi;	(a) Research Assistant;	(a) Assistant Chercheur Subalterne ;
(b) Umushakashatsi Wungirije;	(b) Assistant Researcher;	(b) Assistant Chercheur ;
(c) Umushakashatsi;	(c) Researcher;	(c) Chargé de Recherche Associé ;
(d) Umushakashatsi Wisumbuye;	(d) Senior Researcher;	(d) Chargé de Recherche ;
(e) Umushakashatsi w'Ikirenga Wungirije;	(e) Associate Research Professor;	(e) Professeur Chercheur Associé ;
(f) Umushakashatsi w'Ikirenga.	(f) Research Professor.	(f) Professeur Chercheur.
<u>Ingingo ya 7</u>: Abakozi bunganira mu myigishirize n'ubushakashatsi	**<u>Article 7</u>: Academic and research support staff**	**<u>Article 7</u> : Personnel de soutien académique et de recherche**
(1) Abakozi bunganira mu myigishirize n'ubushakashatsi batari mu cyiciro cy'abakozi bo mu buyobozi mu mashuri makuru ni aba bakurikira:	(1) Academic and research support staff who are not in the category of administrative staff in institutions of higher learning are the following:	(1) Le personnel de soutien académique et de recherche qui ne sont pas dans la catégorie du personnel administratif d'un établissement d'enseignement supérieur sont les suivants :
(a) Umutekinisiye wa *Laboratoire;*	(a) Laboratory Technician;	(a) Technicien de Laboratoire ;
(b) Ushinzwe Isomero;	(b) Librarian;	(b) Bibliothécaire ;
(c) Ushinzwe Ahitorezwa Umwuga;	(c) Workshop Technician.	(c) Technicien d'Atelier.

(2) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora kugena ibindi byiciro by'abakozi bunganira mu myigishirize n'ubushakashatsi.	(2) The Board of Governors may determine other categories of academic and research support staff.	(2) Le Conseil Supérieur de Direction peut déterminer d'autres catégories de personnel de soutien académique et de recherche.
Ingingo ya 8: Inzego z'Abatekinisiye ba *Laboratoire*	**Article 8: Ranks of laboratory technicians**	**Article 8 : Grades des techniciens de laboratoire**
(1) Inzego z'abatekinisiye ba laboratoire ni izi zikurikira:	(1) Ranks of laboratory technicians are the following:	(1) Les grades des techniciens de laboratoire sont les suivants :
(a) Ufasha umutekinisiye wa *Laboratoire*;	(a) Assistant Laboratory Technician;	(a) Assistant Technicien de Laboratoire ;
(b) Umutekinisiye wa *Laboratoire;*	(b) Laboratory Technician;	(b) Technicien de Laboratoire ;
(c) Umutekinisiye Mukuru wa Laboratoire.	(c) Senior Laboratory Technician.	(c) Technicien Supérieur de Laboratoire.
(2) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora kugena izindi nzego z'abatekinisiye ba laboratoire.	(2) The Board of Governors may determine other ranks of laboratory technicians.	(2) Le Conseil Supérieur de Direction peut déterminer d'autres grades des techniciens de laboratoire.
Ingingo ya 9: Inzego z'abashinzwe isomero	**Article 9: Ranks of librarians**	**Article 9 : Grades des bibliothécaires**
(1) Inzego z'abashinzwe isomero ni izi zikurikira:	(1) Ranks of librarians are the following:	(1) Les grades des bibliothécaires sont les suivants :
(a) Ushinzwe Isomero Wungirije;	(a) Assistant Librarian;	(a) Bibliothécaire Assistant ;

(b) Ushinzwe Isomero;	(b) Librarian;	(b) Bibliothécaire ;
(c) Ushinzwe Isomero Mukuru.	(c) Senior Librarian.	(c) Bibliothécaire Principal.
(2) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora kugena izindi nzego z'abashinzwe isomero.	(2) The Board of Governors may determine other ranks of librarians.	(2) Le Conseil Supérieur de Direction peut déterminer d'autres grades des bibliothécaires.
Ingingo ya 10: Abashinzwe ahigishirizwa amasomo ngiro	**Article 10: Workshop Technicians**	**Article 10 : Techniciens d'ateliers**
(1) Inzego z'abashinzwe ahigishirizwa amasomo ngiro ni izi zikurikira:	(1) Ranks of workshop attendants are the following:	(1) Les grades des préposés aux ateliers sont les suivants :
(a) Ufasha Ushinzwe Ahigishirizwa Amasomo Ngiro;	(a) Assistant Workshop Technician;	(a) Assistant Technicien d'Atelier ;
(b) Ushinzwe Ahigishirizwa Amasomo Ngiro;	(b) Workshop Technician;	(b) Technicien d'Atelier ;
(c) Ushinzwe Ahigishirizwa Amasomo Ngiro Mukuru.	(c) Senior Workshop Technician.	(c) Technicien Supérieur d'Atelier.
(2) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora kugena izindi nzego z'abashinzwe ahigishirizwa amasomo ngiro.	(2) The Board of Governors may determine other ranks of workshop attendants.	(2) Le Conseil Supérieur de Direction peut déterminer d'autres grades des préposés aux ateliers.
Ingingo ya 11: Ibisabwa kuri buri rwego	**Article 11: Requirements for each rank**	**Article 11 : Exigences pour chaque grade**
Inama Nkuru y'Ubuyobozi igena ibisabwa ku nzego zivugwa mu ngingo ya 4, iya 5, iya	The Board of Governors determines the requirements for the ranks referred to in	Le Conseil Supérieur de Direction détermine les exigences pour les grades visés aux articles

6, iya 7, iya 8, iya 9 n'iya 10.	Articles 4, 5, 6, 7, 8, 9, and 10.	4, 5, 6, 7, 8, 9, et 10.
Ingingo ya 12: Kuzamura mu ntera abarimu, abarimu b'ubumenyi ngiro, abashakashatsi n'ababunganira	**Article 12: Promotion of academic, practical teaching, research and support staff**	**Article 12 : Promotion du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques, du personnel de recherche et du personnel de soutien**
Umwarimu, Umwarimu w'ubumenyi ngiro, umushakashatsi cyangwa ubunganira azamurwa mu ntera ngazi mpagarike iyo yujuje ibisabwa biteganywa na politiki yo kuzamura mu ntera abakozi bo mashuri makuru. Iyo yamaze kugera ku rwego rwa nyuma rw'intera ngazi mpagarike, azamurwa mu ntera ngazi ntambike.	An academic, practical teaching, research or support staff member is entitled to vertical promotion if he or she fulfils requirements provided by promotion policy of staff in institutions of higher learning. When he or she has reached the highest rank of vertical promotion, he or she is entitled to horizontal promotion.	Un membre du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques, du personnel de recherche et du personnel de soutien a droit à une promotion verticale lorsqu'il remplit les exigences prévues par la politique de promotion du personnel dans les établissements d'enseignement supérieur. Lorsqu'il il a atteint le plus haut grade de promotion verticale, il a droit à une promotion horizontale.
Ingingo ya 13: Porogaramu y'igurana ry'abarimu, abarimu b'ubumenyi ngiro n'abashakashatsi	**Article 13: Exchange programme for academic, practical teaching and research staff members**	**Article 13 : Programme d'échange des membres du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques et du personnel de recherche**
(1) Umwarimu, umwarimu w'ubumenyi ngiro cyangwa umushakashatsi w'ishuri rikuru aba ari muri porogaramu y'igurana iyo akorera mu rindi shuri rikuru ibikorwa byo kwigisha cyangwa by'ubushakashatsi mu gihe kizwi, hashingiwe ku masezerano yihariye y'amashuri makuru yombi.	(1) An academic, practical teaching or research staff member of an institution of higher learning is in an exchange programme if he or she is performing his or her duties in another institution of higher learning for a specified period upon an agreement of both institutions.	(1) Un membre du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques ou du personnel de recherche d'un établissement d'enseignement supérieur est dans un programme d'échange lorsqu'il exerce ses fonctions dans un autre établissement d'enseignement supérieur pour une période spécifiée sur base d'un

		accord de deux établissements.
(2) Umwarimu, Umwarimu w'ubumenyi ngiro cyangwa umushakashatsi w'ishuri rikuru ajya muri porogaramu y'igurana ry'abakozi iyo byemejwe n'Umuyobozi wa Koleji kandi bikamenyeshwa Umuyobozi Mukuru w'ishuri rikuru.	(2) An academic, practical teaching or research staff member of institution of higher learning participates in an exchange programme upon approval by the Principal of College with a copy to the Vice-Chancellor of institution of higher learning.	(2) Un membre du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques ou du personnel de recherche d'un établissement d'enseignement supérieur participe à un programme d'échange sur approbation du Directeur du Collège avec copie pour information au Vice-Chancelier de l'établissement d'enseignement supérieur.
(3) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishyiraho politiki y'ishuri rikuru igena uko rihanahana abakozi n'andi mashuri makuru yaba ay'imbere mu gihugu cyangwa ayo hanze yacyo.	(3) The Board of Governors sets the policy determining modalities for staff mobility between the institution of higher learning and other local or foreign institutions of higher learning.	(3) Le Conseil Supérieur de Direction met en place une politique qui détermine les modalités de mobilité du personnel entre l'établissement et les autres établissements d'enseignement supérieur locaux ou étrangers.
<u>Ingingo ya 14</u>: *Sabbatical leave*	**<u>Article 14</u>: Sabbatical leave**	**<u>Article 14</u> : Congé sabbatique**
(1) *Sabbatical leave* ihabwa umwarimu, Umwarimu w'ubumenyi ngiro cyangwa umushakashatsi ugeze ku rwego rw'Umwarimu w'Ikirenga, urw'Umwarimu w'Ikirenga w'Ubumenyi ngiro cyangwa Umushakashatsi w'Ikirenga byemejwe na Ministiri ufite uburezi mu nshingano, kandi agakomeza guhabwa uburenganzira nk'ubw'undi mukozi uri	(1) The sabbatical leave is granted to an academic, practical teaching or researcher staff member who has reached the rank of Professor, Professor of Practice or Research Professor upon approval by the Minister in charge of education and continues to enjoy the same rights as any other in-service employee.	(1) Le congé sabbatique est accordé à un membre du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques ou du personnel de recherche qui a atteint le grade de Professeur, de Professeur de Pratique ou de Professeur Chercheur après approbation du Ministre ayant l'éducation dans ses attributions et continue de jouir les mêmes droits comme un autre employé en service.

mu kazi.		
(2) umwarimu, Umwarimu w'ubumenyi ngiro cyangwa umushakashatsi ugeze ku rwego rw'Umwarimu w'Ikirenga, urw'Umwarimu w'Ikirenga w'Ubumenyi ngiro cyangwa Umushakashatsi w'Ikirenga akoresha *Sabbatical leave* mu gukora ubushakashatsi cyangwa indi mirimo ifitiye Igihugu akamaro, bisabwe n'urwego rubifitiye ububasha.	(2) An academic, practical teaching or researcher staff member who has reached the rank of Professor, Professor of Practice or Research Professor uses sabbatical leave to conduct research or other activities of public interest upon request by a competent organ.	(2) Un membre du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques ou du personnel de recherche qui a atteint le grade de Professeur, de Professeur de Pratique ou de Professeur Chercheur utilise le congé sabbatique pour effectuer des recherches ou autres activités d'intérêt public à la demande de l'organe compétent.
(3) Inama Nkuru y'Ubuyobozi igena ibisabwa kugira ngo umwarimu, Umwarimu w'ubumenyi ngiro cyangwa umushakashatsi ugeze ku rwego rw'Umwarimu w'Ikirenga, urw'Umwarimu w'Ikirenga w'Ubumenyi ngiro cyangwa Umushakashatsi w'Ikirenga asabe *sabbatical leave* n'ibyo agenerwa.	(3) The Board of Governors determines the requirements for an academic, practical teaching or researcher staff member who has reached the rank of Professor, Professor of Practice or Research Professor to apply for sabbatical leave and his or her fringe benefits.	(3) Le Conseil Supérieur de Direction détermine les exigences pour qu'un un membre du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques ou du personnel de recherche qui a atteint le grade de Professeur, de Professeur de Pratique ou de Professeur Chercheur demande le congé sabbatique et ses avantages.
Ingingo ya 15: Guhagarika akazi kubera izindi nshingano	**Article 15: Absence due to other responsibilities**	**Article 15 : Absence en raison d'autres responsabilités**
(1) Umwarimu, Umwarimu w'ubumenyi ngiro cyangwa umushakashatsi w'ishuri rikuru uhawe izindi nshingano na Leta, utorewe umwanya cyangwa utijwe mu rundi rwego afatwa nk'uwahagaritse	(1) An academic, practical teaching or researcher staff member of institution of higher learning who is appointed by the Government, elected for other responsibilities or seconded in other	(1) Un membre du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques ou du personnel de recherche d'un établissement d'enseignement supérieur qui est nommé par le Gouvernement, élu

inshingano ze zihoraho zo kwigisha cyangwa iz'ubushakashatsi mu ishuri rikuru. Icyakora, ashobora gukomeza kwigisha cyangwa gukora ubushakashatsi mu ishuri rikuru mu buryo budahoraho.	institution, is considered to have suspended his or her full-time teaching or research duties. However, he or she may continue to teach or conduct research in the higher learning institution on part-time basis.	pour d'autres responsabilités ou en détachement dans une autre institution, est considéré comme avoir suspendu sa carrière d'enseignement ou de recherche. Toutefois, il peut continuer d'enseigner ou de faire la recherche dans l'établissement d'enseignement supérieur à temps partiel.
(2) Umuyobozi Mukuru w'Ishuri Rikuru ashobora gusubiza mu kazi umwarimu, Umwarimu w'ubumenyi ngiro cyangwa umushakashatsi w'ishuri rikuru, iyo agarutse avuye mu mwanya yari yarashyizwemo, uwo yari yaratorewe cyangwa aho yari yaratijwe, iyo abisabye.	(2) The Vice-Chancellor of an institution of higher learning may reintegrate an academic, practical teaching or researcher staff member of institution of higher learning if he or she leaves the position on which he or she was appointed, elected for or seconded upon request.	(2) Le Vice-Chancelier d'un établissement d'enseignement supérieur peut réintégrer un membre du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques ou du personnel de recherche d'un établissement d'enseignement supérieur lorsqu'il quitte le poste auquel il avait été nommé, élu ou détaché, sur demande.
<u>Ingingo ya 16</u>: Gushyirwa mu rwego rw'icyubahiro rwa *Emeritus Professor* cyangwa *Honorary Professor*	**<u>Article 16</u>: Promotion to the rank of Emeritus or Honorary Professor**	**<u>Article 16</u> : Promotion au grade de Professeur Émérite ou de Professeur Honoraire**
(1) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora guha umwarimu, Umwarimu w'ubumenyi ngiro cyangwa umushakashatsi w'ishuri rikuru uri mu kiruhuko cy'izabukuru ari ku rwego rw'Umwarimu w'Ikirenga, Umwarimu w'Ikirenga w'Ubumenyi ngiro cyangwa Umushakashatsi w'Ikirenga urwego rw'icyubahiro rwa *Emeritus Professor* cyangwa *Honorary Professor* kubera	(1) The Board of Governors may award a rank of Emeritus or Honorary Professor to a retired academic, practical teaching or researcher staff member of institution of higher learning who is a Professor, a Professor of Practice or a Research Professor due to his or her works or achievements and their importance to the institution of higher learning.	(1) Le Conseil Supérieur de Direction peut attribuer un grade de Professeur Émérite ou de Professeur Honoraire à un membre du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques ou de recherche d'un établissement d'enseignement supérieur en retraite qui est au grade de Professeur, de Professeur de Pratique ou de Professeur Chercheur en raison de ses travaux ou réalisations et leur

imirimo cyangwa ibikorwa yakoze n'akamaro byagiriye ishuri rikuru.		importance à l'établissement d'enseignement supérieur.
(2) Amategeko ngengamikorere na politiki by'ishuri rikuru bigena ibishingirwaho kugira ngo Umwarimu w'Ikirenga, Umwarimu w'Ubumenyi ngiro w'Ikirenga cyangwa Umushakashatsi w'Ikirenga ashyirwe mu rwego rwa *Emeritus Professor* cyangwa *Honorary Professor*. Bigena kandi ibyo *Emeritus Professor* cyangwa *Honorary Professor* agenerwa.	(2) The rules of procedure and policy of an institution of higher learning determine the requirements for a Professor, a Professor of Practice or a Research Professor to be awarded the Emeritus Professor or Honorary Professor rank. They also determine benefits entitled to Emeritus Professor or Honorary Professor.	(2) Le règlement d'ordre intérieur et la politique d'un établissement d'enseignement supérieur déterminent les exigences pour qu'un Professeur, un Professeur de Pratique ou un Professeur Chercheur soit attribué le grade de Professeur Émérite ou de Professeur Honoraire. Ils déterminent également les avantages alloués au Professeur Émérite ou au Professeur Honoraire.
UMUTWE WA III: IBYICIRO, INYITO, INTERA BY'IMYANYA Y'IMIRIMO N'IZAMURWA MU NTERA RY'ABAKOZI BO MU BUYOBOZI	**CHAPTER III: CATEGORIES, TITLES, LEVELS OF JOB POSITIONS AND PROMOTION OF ADMINISTRATIVE STAFF**	**CHAPITRE III : CATÉGORIES, TITRES, NIVEAU DE POSTES D'EMPLOI ET PROMOTION DU PERSONNEL ADMINISTRATIF**
Ingingo ya 17: Ibyiciro by'imyanya y'imirimo y'abakozi bo mu buyobozi	**Article 17: Categories of job positions of administrative staff**	**Article 17 : Catégories de postes d'emploi du personnel administratif**
(1) Ibyiciro by'imyanya y'imirimo y'abakozi bo mu buyobozi mu ishuri rikuru ni ibi bikurikira:	(1) The categories of job positions of administrative staff in higher learning institution are the following:	(1) Les catégories de postes d'emploi du personnel administratif dans un établissement d'enseignement supérieur sont les suivantes :
(a) Abaporofesiyoneri Bakuru;	(a) Senior Professionals;	(a) Professionnels Supérieurs ;
(b) Abayobozi b'Ibikorwa;	(b) Operational Managers;	(b) Gestionnaires des Opérations ;

(c) Abatekinisiye ba Serivisi	(c) Services Technicians.	(c) Techniciens de Services.
(2) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora gushyiraho ibindi byiciro by'imyanya y'imirimo y'abakozi bo mu buyobozi mu ishuri rikuru bikenewe kugira ngo ishuri rikuru rigere ku nshingano zaryo.	(2) The Board of Governors may establish other categories of job positions of administrative staff in higher learning institution it considers necessary for an institution of higher learning to achieve its responsibilities.	(2) Le Conseil Supérieur de Direction peut établir d'autres catégories de postes d'emploi du personnel administratif dans un établissement d'enseignement supérieur qu'il juge nécessaires pour qu'un établissement d'enseignement supérieur puisse réaliser ses responsabilités.
Ingingo ya 18: Inyito y'imyanya y'imirimo ya buri cyiciro	**Article 18: Titles of job positions of each category**	**Article 18 : Titre des postes d'emploi de chaque catégorie**
(1) Icyiciro cy'Abaporofesiyoneri Bakuru kigizwe n'imyanya y'imirimo ikurikira:	(1) The category of Senior Professionals is composed of the following job positions:	(1) La catégorie des Professionnels Supérieurs est composée de postes d'emploi suivants :
(a) *Executive Lead*;	(a) Executive Lead;	(a) Responsable Exécutif ;
(b) *Senior Lead*;	(b) Senior Lead;	(b) Responsable Supérieur ;
(c) *Lead*.	(c) Lead.	(c) Responsable.
(2) Icyiciro cy'Abayobozi b'Ibikorwa kigizwe n'imyanya y'imirimo ikurikira:	(2) The category of Operational Managers is composed of the following job positions:	(2) La catégorie de Gestionnaires des Opérations est composée de postes d'emploi suivants :
(a) Umuyobozi;	(a) Manager;	(a) Directeur ;
(b) Umukozi Mukuru;	(b) Senior Associate;	(b) Associé Principal ;

(c) Umukozi.	(c) Associate.	(c) Associé.
(3) Icyiciro cy'Abatekinisiye ba Serivisi kigizwe n'imyanya y'imirimo ikurikira:	(3) The category of Services Technicians is composed of the following job positions:	(3) La catégorie de Techniciens de Services est composée de postes d'emploi suivants :
(a) Umutekinisiye;	(a) Technician;	(a) Technicien ;
(b) Abafashangendo.	(b) Transport Facilitator.	(b) Facilitateur de Transport.
Ingingo ya 19: Intera, inshingano n'ibisabwa kuri buri mwanya w'umurimo	**Article 19: Levels, duties and requirements for each job position**	**Article 19 : Niveaux, attributions et exigences pour chaque poste d'emploi**
Inama Nkuru y'Ubuyobozi igena intera, inshingano n'ibisabwa kuri buri mwanya w'umurimo.	The Board of Governors determines levels, duties and requirements for each job position.	Le Conseil Supérieur de Direction détermine les niveaux, les attributions les exigences pour chaque poste d'emploi.
Ingingo ya 20: Indi myanya y'imirimo n'ibyiciro ibarizwamo	**Article 20: Other job positions and their corresponding categories**	**Article 20 : Autres postes d'emploi et leurs catégories correspondantes**
Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora kugena indi myanya y'imirimo n'ibyiciro ibarizwamo iyo bikenewe kugira ngo ishuri rikuru rigere ku nshingano zaryo.	The Board of Governors may determine other job positions and corresponding categories if considered necessary for an institution of higher learning to achieve its responsibilities.	Le Conseil Supérieur de Direction peut déterminer d'autres postes d'emploi et leurs catégories correspondantes lorsqu'il est jugé nécessaire pour qu'un établissement d'enseignement supérieur puisse réaliser ses responsabilités.
Ingingo ya 21: Izamurwa mu ntera ry'abakozi bo mu buyobozi	**Article 21: Promotion of administrative staff**	**Article 21 : Promotion du personnel administratif**
Inama Nkuru y'Ubuyobozi igena ibisabwa n'uburyo bwo kuzamura mu ntera abakozi bo	The Board of Governors determines requirements and modalities for the promotion	Le Conseil Supérieur de Direction détermine les exigences les modalités de promotion du

mu buyobozi.	of administrative staff.	personnel administratif.
Ingingo ya 22: Ibigenerwa umukozi wo mu buyobozi wazamuwe mu ntera	**Article 22: Benefits allocated to a promoted administrative staff member**	**Article 22 : Avantages alloués au membre du personnel administratif promu**
Inama Nkuru y'Ubuyobozi igena ibigenerwa umukozi wo mu buyobozi uzamuwe mu ntera, imaze kugisha inama inzego bireba.	The Board of Governors determines benefits allocated to a promoted administrative staff member, after consultation with relevant organs.	Le Conseil Supérieur de Direction détermine les avantages alloués au membre du personnel administratif promu, après consultations avec les organes concernés.
UMUTWE WA IV: INGINGO ZIHURIWEHO KU BAKOZI B'AMASHURI MAKURU	**CHAPTER IV: COMMON PROVISIONS FOR EMPLOYEES OF INSTITUTIONS OF HIGHER LEARNING**	**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS COMMUNES AUX EMPLOYÉS DES ÉTABLISSEMENTS D'ENSEIGNEMENT SUPÉRIEUR**
Ingingo ya 23: Ibishingirwaho mu gushaka abakozi	**Article 23: Criteria for recruitment**	**Article 23 : Critères de recrutement**
Abakozi bashakwa hashingiwe ku bakozi bakenewe n'ingengo y'imari ihari.	Recruitment is done based on staffing needs and available budget.	Le recrutement se fait sur base des besoins en personnel et le budget disponible.
Ingingo ya 24: Uburyo bwo gushaka abakozi	**Article 24: Methods for recruitment**	**Article 24 : Méthodes de recrutement**
(1) Gushaka abakozi bikorwa binyuze muri bumwe mu buryo bukurikira:	(1) The recruitment is carried out through one of the following methods:	(1) Le recrutement est effectué par voie de l'une des méthodes suivantes :
(a) ipiganwa;	(a) competition;	(a) la compétition ;
(b) gushyirwa mu mwanya nta piganwa;	(b) nomination;	(b) la nomination ;

(c) uburyo butaziguye; (d) gushyirwa mu mwanya nyuma y'ivugurura ry'inzego z'ishuri rikuru. (2) Inama Nkuru y'Ubuyobozi y'ishuri rikuru igena uburyo ibivugwa mu gika cya (1) bishyirwa mu bikorwa. **Ingingo ya 25: Kongerera abakozi ubushobozi n'ubumenyi** (1) Umukozi w'ishuri rikuru afite uburenganzira n'inshingano byo gukurikirana gahunda zo kumwongerera ubushobozi n'ubumenyi kugira ngo arusheho kunoza inshingano. (2) Inama Nkuru y'Ubuyobozi igena uburyo ibivugwa mu gika cya (1) bishyirwa mu bikorwa.	(c) direct recruitment; (d) placement after restructuring of higher learning institution. (2) The Board of Governors of an institution of higher learning determines modalities for the implementation of provisions of Paragraph (1). **Article 25: Capacity and skills development** (1) A staff member of an institution of higher learning has the right and obligation to undertake capacity and skills development programmes to improve his or her performance. (2) The Board of Governors determines modalities for the implementation of provisions of Paragraph (1).	(c) le recrutement direct ; (d) le placement après la restructuration de l'établissement d'enseignement supérieur. (2) Le Conseil Supérieur de Direction d'un établissement d'enseignement supérieur détermine les modalités de mise en exécution des dispositions du paragraphe (1). **Article 25 : Développement des capacités et des compétences** (1) Un membre du personnel d'un établissement d'enseignement supérieur a le droit et l'obligation de suivre des programmes de développement des capacités et des compétences afin d'améliorer ses performances. (2) Le Conseil Supérieur de Direction détermine les modalités de la mise en exécution des dispositions du paragraphe (1).

Ingingo ya 26: Guhindurira umukozi umwanya w'umurimo, kwimurwa aho yakoreraga no guhindura icyiciro	**Article 26: Change of job position, workplace and category of staff**	**Article 26 : Changement de poste d'emploi, de lieu de travail et de catégorie de personnel**
Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishyiraho politiki y'ishuri rikuru igena uko umukozi ashobora kuva mu mwanya w'umurimo akajya mu wundi, kwimurwa aho yakoreraga cyangwa akava muri kimwe mu byiciro by'abakozi b'ishuri rikuru ajya mu kindi.	The Board of Governors establishes the policy of an institution of higher learning that determines the modalities for a staff member to move from one job position to another, be transferred from the workplace to another or from one of the categories of staff of an institution of higher learning to another.	Le Conseil Supérieur de Direction met en place la politique de l'établissement d'enseignement supérieur qui détermine les modalités selon lesquelles un membre du personnel peut passer d'un poste d'emploi à un autre, être transféré d'un lieu de travail à un autre ou d'une catégorie du personnel d'un établissement d'enseignement supérieur à une autre.
Ingingo ya 27: Uburyo bw'imicungire y'iterambere ry'umwuga n'ubw'imicungire y'imihigo	**Article 27: Modalities for career development and performance management**	**Article 27 : Modalités de gestion de carrière et de performance**
Inama Nkuru y'Ubuyobozi yemeza amategeko ngengamikorere agena uburyo bw'imicungire y'iterambere ry'umwuga n'imicungire y'imihigo.	The Board of Governors approves rules of procedure determining the modalities for career development and performance management.	Le Conseil Supérieur de Direction approuve le règlement d'ordre intérieur qui détermine les modalités de gestion de carrière et de gestion de performance.
Ingingo ya 28: Ubutumwa bw'akazi	**Article 28: Official mission**	**Article 28 : Mission officielle**
(1) Umukozi ashobora koherezwa mu butumwa bw'akazi imbere mu gihugu cyangwa hanze yacyo.	(1) A staff member may be sent on an official mission inside or outside the country.	(1) Un membre du personnel peut être envoyé en mission officielle à l'intérieur ou à l'extérieur du pays.
(2) Inama Nkuru y'Ubuyobozi igena uburyo bwo kohereza umukozi mu butumwa	(2) The Board of Governors determines the modalities of sending a staff member on	(2) Le Conseil Supérieur de Direction détermine les modalités d'envoi d'un

bw'akazi n'ibyo agenerwa bimufasha igihe ari mu butumwa bw'akazi.	official mission and the related facilitations.	membre du personnel en mission officielle ainsi que les facilités y relatives.
UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 29: Ikiruhuko cy'izabukuru	**Article 29: Retirement**	**Article 29 : Retraite**
Umwarimu, Umwarimu w'ubumenyi ngiro cyangwa umushakashatsi ashobora, mu nyungu z'akazi kandi abisabye, kwemererwa gukomeza imirimo ye nyuma y'imyaka yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru iteganywa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.	An academic, practical teaching or researcher staff member may be allowed, in the interest of the service and upon request, to extend retirement beyond the age provided for by the law establishing the general statute governing public servants.	Un membre du personnel académique, du personnel académique des cours pratiques ou du personnel de recherche peut être autorisé, dans l'intérêt du service et sur demande, à prolonger sa retraite au-delà de l'âge prévu par la loi portant statut général régissant les agents de l'État.
Ingingo ya 30: Ibidateganyijwe n'iri teka	**Article 30: Matters not provided for by this Order**	**Article 30 : Matières non prévues par le présent arrêté**
Ibidateganyijwe n'iri teka bigengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta cyangwa itegeko rigenga umurimo mu Rwanda.	Matters not provided for by this Order are governed by the law establishing the general statute governing public servants or law regulating labour in Rwanda.	Les matières non prévues par le présent arrêté sont régies par la loi portant statut général régissant les agents de l'État ou la loi portant règlementation du travail au Rwanda.
Ingingo ya 31: Igihe cyo kubahiriza iri teka	**Article 31: Compliance period**	**Article 31 : Période de conformité**
Inzego bireba zigomba kubahiriza ibiteganywa n'iri teka mu gihe kitarenze imyaka ibiri, uhereye igihe ritangiriye	Relevant institutions must comply with the provisions of this Order within two years from its entry into force.	Les organes concernés doivent se conformer aux dispositions du présent arrêté endéans deux ans à partir de son entrée en vigueur.

gukurikizwa.		
Ingingo ya 32: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	**Article 32: Authorities responsible for the implementation of this Order**	**Article 32 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Uburezi na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.	The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Education and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.	Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Éducation et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.
Ingingo ya 33: Ingingo y'ururimi	**Article 33: Language provision**	**Article 33 : Disposition linguistique**
Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Order was drafted in Ikinyarwanda.	Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 34: Gutangira gukurikizwa	**Article 34: Entry into force**	**Article 34 : Entrée en vigueur**
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 03/06/2025 (sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
(sé) **Amb. NKULIKIYINKA Christine** Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo Minister of Public Service and Labour Ministre de la Fonction Publique et du Travail
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République :** (sé) **Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux